# IJAMBO RY'UMUKRISTU UHAGARARIYE ABANDI MU BIRORI BYO GUTAHA NO UMUGISHA KILIZIYA NSHYA NA CHAPELLE , KU WA 22 MUTARAMA 2020.

*Nyiricyubahiro Musenyeri Intumwa ya Papa mu Rwanda;*

*Nyiricyubahiro Musenyeri, Arikiyepiskopi wa Kigali;*

*Nyakubahwa Uhagarariye Umuryango w'Aba Pallottini mu Rwanda, muri Congo no mu Bubiligi;*

*Nyakubahwa Uhagarariye Ikigo cy'Igihugu cy'Imiyoborere Myiza (RGB);*

*Bayobozi mu nzego zitandukanye muri hano;*

*Basaserdoti;*

*Bihayimana mwese;*

*Bakristu bavandimwe;*

Munyemerere mfate uyu mwanya, mu izina ry'abakristu bose ba Paruwasi ya Mutagatifu Visenti Pallotti ya Gikondo, mbasabe muntize amashyi menshi twongere dushimire Umushumba w'Arkidiyosezi ya Kigali umaze guha umugisha Kiliziya nshya ya Paruwasi ya Mt Visenti Pallotti ya Gikondo no kuyegurira Imana. Uyu ni umunsi utazibagirana kuri twe, abana bacu ndetse n'abacu bose.

Muri aka kanya kandi, munyemerere, mbagezeho incamake y'urugendo twanyuzemo arirwo rwatugejeje kuri iyi ngoro y'Imana twatashye uyu munsi.

**Amateka n'uko igitekerezo cyavutse**

Paruwasi ya Mt Vincent Pallotti yashinzwe mu 1976 ifite ubushobozi bwo kwakira abakristu 800. Icyo gihe abakristu na bo bari bake. Nyuma y'ubwo, umubare w'abakristu wakomeje kwiyongera. Mu gihe cya misa zo ku cyumweru, abakristu benshi ntibabonaga aho bicara bityo ntibakurikire misa uko bikwiye.

Mu guhangana n'iki kibazo cy'ubuto bwa Kiliziya, igisubizo cy'agateganyo cyabaye icyo kongera misa zigera kuri 5, ndetse hanashyirwaho izindi mu nkengero za Paruwasi mu rwego rwo kugabanya ubucucike bw'abayigana (Muri Kaminuza y'u Rwanda, ishamir rya Mburabururono ku Musaraba w'Ikuzo). Ibyo nabyo ntabwo byakemuye ikibazo cy'ubuto kuko abakristu bakomeje kwiyongera.

Ikindi kandi Kiliziya ntabwo yari ijyanye n'igihe, byongeye inyubako yayo yari inyuranye n'igishushanyo mbonera cy'Umugi ndetse n'ibipimo byashyiriweho inyubako zisengerwamo byagenwe n'Umujyi wa Kigali.

Ni muri urwo rwego twatekerejwe umushinga wo kwagura no kuvugurura Kiliziya ya Mt Visenti Pallotti ya Gikondo, ndetse no kubakwa inzu zazadufasha mu kongera umutungo no kubaka ubushobozi bwacu, turushaho kwigira "self-reliance".

**Byatangiye ari indoto ariko turashimira Imana ko ubu byabaye impamo**

Banyacyubahiro mwese,

Bakristu bavandimwe,

Ubu i Gikondo, Imana yerekanye ubwiza n'ubuntu bwayo. Dufite byinshi byo kuvuga no kuvugiraho, ndetse no kwivuga, nta ningwa ahubwo ni imyato. Iki gikorwa cyo kwagura Kiliziya twagitangiye ku mugaragaro ku wa 29 Mata 2018. Ni ukuvuga ko iki gikorwa kimaze amezi 20 gusa. Ndashimira cyane abakristu b'i Gikondo kuko bakigize icyabo kandi babikorana ukwemera nka kwa kundi kwabwira umusozi ngo genda ukimuka!

Ni byo koko, kuko namwe bimuye ubugwari, mwimika ubutwari. Muri beza Bantu mwe! Mureke dutarame kuko dufite byinshi byo kwishimira. Dore ubu inyamamare yabaye uruhehemure mu ijuru ry'Umujyi wose wa Kigali. Yateye amabengeza abahisi n'abagenzi, ariko iyobora n'abari bahabye. Yaduteye akanyamuneza, itera umutima wa buri wese guhehera. Twe tubona Imana yiririwa kandi igatura i Gikondo. Nahisemo gusiga ngo ntasigara kuvuga iyo nkuru yatashye iwacu. Ibisigaye, Nyir'amaso yerekwa bike ibindi akirebera.

**Kubigeraho ntibyari byoroshye ariko byarashobotse.**

Burya ngo ribara uwariraye! Tubikesha ubushake bw'abapadiri b'abapallottini batugezaho ubutumwa bwiza, ubufatanye bwabo n'abalayiki, ubwitange bw'abanyagikondo, no gusenga**.** Ubushobozi mu mafaranga bwaratanzwe, ariko biherekezwa na rozari ndetse n'ishengerera ubutitsa.

Twakoresheje ibanga n'ibango, bisasiwe no kwambaza:

(1) **Ibanga ry'umutima ryari**: Benebyo x Ubushake= Birashoboka
(2) **Ibango ry'imibare ryari**: Abantu benshi * batanze icyo bafite * buri kwezi= Itafari

Intego yacu yari ugutekereza bigari, byinshi, vuba kandi byiza. Mu ndimi z'amahanga byari "Think big, go smart, speed up and never fail to try'. Tuzakomeza kubyubakiraho.

**Uko umushinga wose wari uteye**

Iyi nyubako ya Kiliziya twatashye none igizwe n'aha mureba (hashobora kwakira abakristu barenga 1,500), chapelle igenewe kwakira abakristu 300, ibyumba 3 bigenewe gukodeshwa, icyumba kinini mberabyombi hamwe n'ibiro by'abapadiri biri mu nyubako igeretse kabiri nk'uko mwayiboneye. Ku mpande za Kiliziya, twubatse inzu z'ubucuruzi buciriritse ari zo 'boutiques'

ndetse tuzamura indi nyubako izabamo ama bureaux yo gukodesha. Hubatswe kandi parikingi igezweho yakwakira imodoka z'abakristu baje gusenga, dushyira ibisabwa mu kuzimya inkongi, dushyiraho uburyo bugezweho bwo gucunga umutekano ndetse dushyira ho n'uburyo bwo gufata amazi bugezweho.

**Agaciro k'imirimo yose**

Umushinga wose ungana na **920,131,425**Frws. Iyi kiliziya, Chappelle, inzu mberabyombi n'ibiro by'abapadiri byuzuye bitwaye amafaranga angana na **797,859,306** Frws. Muri ayo, **414,647,274**Frws (ni ukuvuga **52%**)yatanzwe n'abakristu gusa. Abaduteye inkunga batanze **56,305,250** Frws. Nagira ngo, by'umwihariko, mbabwire ko uruhare rw'imiryangoremezo mu kubaka iyi kiliziya rwabaye inkingi ya mwamba binyuze muri gahunda y'itafari rya buri kwezi. Imiryangoremezo yonyine yatanze **200,313,131**Frws (ni ukuvuga **25%**). Impuzandengo y'amafaranga atangwa n'imiryangoremezo buri kwezi igeze kuri **4,756,894** Frws. Kugira ngo imirimo yihute, byabaye ngombwa ko dufata inguzanyo muri Banki y'Urwego ingana na miliyoni **500,000,000**. Kuri iyo nguzanyo, tumaze kwishyura **61,308,555** Frws.

**Imbaraga zakoreshejwe**

Mu mbaraga zatumye ibi bishoboka, harimo ubwitange mu by'ubwenge (patrimoine intellectuel) byatumye imirimo myinshi ikorwa n'abahanga (ingénieurs et spécialistes de différents domaines) nta kiguzi (cost-effectiveness), itafari rya buri kwezi, ukwitanga kw'abakristu bashimira Imana, ituro ridasanzwe ryo ku cyumweru n'umuganda w'abakristu bitanze ku buryo bw'imirimo y'amaboko.

**Abo dushimira**

Turashimira cyane abadufashije kugeza ubu kugira ngo iyi nyubako igere aho igeze ubu, ari bo:

Mu rwego rwa Kiliziya, turashimira:

- Arikidiyosezi ya Kigali nka Nyir'igikorwa yadufashije mu buryo bunyuranye;
- Umuryango w'Abapallotini dufatanya muri byose;
- Padiri Mukuru n'abapadiri badufasha mu butumwa bwiza i Gikondo;
- Abakristu b'i Gikondo bagize kandi bagikomeza kugira igikorwa icyabo;
- Impuguke z'i Gikondo zifishishijwe mu bikorwa byo kubaka byasabaga ubuhanga (komisiyo y'ubwubatsi, umutungo, ubukanguranguramba n'amasoko), inzego zoze za Kiliziya zitahwemye kwitanga, guhuza no gukurikirana iki gikorwa);
- Amatsinda anyuranye y'abasenga akorera i Gikondo;
- Umuryango w'Abibakira ba Mutagatifu Petero Kalaveri baduhaye inkunga ingana na 25,000,000 ubaze agaciro kayo mu manyarwanda;
- Umukristu w'Indashyikirwa w'i Gikondo waduhaye amafaranga angana na 18,000,000 Frws;
- Imiryango y'abihayimana ikorera i Gikondo;

- Abakristu bitanze bakaguriza Paruwasi igihe byari bikomeye tutarabona inguzanyo Banki;
- Amaparuwasi yadufashije mu buryo butandukanye;
- Ingoro ya Yezu Nyirimpuhwe yo mu Ruhango.

Mu rwego rw'inzego, turashimira cyane cyane:

- Ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali bwadufashije igihe cyose twabwiyambazaga;
- Ubuyobozi bw'Akarere ka Kicukiro n'Umurenge wa Gikondo;
- Urwego Bank rwaduhaye inguzanyo;

Muri aka kanya dushima kandi turazirikana intore zatangiye uru rugamba ariko ntizirusoze kubera bitabye Rurema. Muri bo turazirikana cyane Ingenieur Gaspard dukesha iki gishushanyo mbonera cy'iyi kiliziya, ubwitange buhebuje yagaragaje ndetse no kwemera ko Entreprise ye iyobora imirimo y'ubwubatsi nta kiguzi. Imana imuhe iruhuko ridashira.

Turibuka kandi n'abakozi babiri (2) bakoze kuri iyi nyubako nabo bakaba baravuye muri ubu buzima. Ntibashoboye kubona ibi byiza tugezeho ariko turashima imirimo bakoze. Imana ibahe iruhuko ridashira.

**Ibibazo twahuye na byo**

Ibibazo by'ingutu twahuye na byo twavuga:

- Icyemezo cy'Umujyi wa Kigali kitwemerera kubaka cyaje ari icy'igihe gito (amezi 3) biba ngombwa ko dusubiramo umushinga bityo dusaba imyaka 2 kugira ngo dushobore kurangiza imirimo yose yari iteganijwe;

- Ibihe by'imvura byabangamiraga imirimo y'ubwubatsi bityo bituma imwe itihuta; ubundi kandi n'iyabaga yakozwe igasubirwamo.

- Padiri Mukuru wakurikiranaga ibikorwa buri munsi ndetse na Ingenieur Gaspard wari ukuriye ibikorwa by'ubwubatsi bararwaye cyane, bisaba ko dushaka izindi mbaraga zo kubasimbura. Ni muri urwo rwego, hashyizweho icyo twise "Comité Consultatif Conjoint (C3)''yahuje kandi ikurikirana imirimo uko bikwiye. Mboneye kubashimira Padiri Dominique (Vicaire), Padiri Jean Baptiste (Père administrateur) witangaga avuye i Kabuga, bureau ya Paruwasi na Commissions ad hoc. Abo bose bitangiye igikorwa kandi baziba icyuho.

**Ingamba dufite**

- Gukomeza gushishikariza abakristu kwitanga kugira ngo twishyure inguzanyo twafashe muri Banki kuko ngo *''ak'imuhana kaza imvura ihise, cyangwa yahita ntikaboneke''*. Dufite ingamba zo kwishyura vuba kugira ngo tugabanirizwe inyungu isabwa ku mwenda wose twafashe.
- Kubaka icumbi ry'abapadiri mu gihe kitarambiranye kugira ngo barusheho gukora ubutumwa bwabo bari hafi.

**Ibyo tubasaba**

*Nyiricyubahiro Musenyeri Intumwa ya Papa mu Rwanda;*

*Nyiricyubahiro Musenyeri, Arikiyepiskopi wa Kigali;*

*Nyakubahwa muteraniye hano,*

*Bavandimwe bakristu bagenzi banjye*

Nagira ngo mbasabe mfate uyu mwanya mbashishikarize gukomeza gutera inkunga Paruwasi ya Mt Visenti Pallotti ya Gikondo bityo ibone uko ivana izina rya Yezu muri Banki. Tuzi ko dufatanije twabishobora. Ntimwirindirize ejo kuko n'uyu ni umunsi. Ijambo ryanyu turarikeneye. Agaseke k'urukundo n'ineza karabategereje kandi kugashyiramo ni ukubitsa ahatava. Ndababwiza ukuri, twe twiboneye ko muri ako gaseke harimo isoko ivubura ibyiza byose dushaka ku Mana. Twe twiboneye neza n'amaso yacu, ukuntu Imana ikunda abayo kandi ikabasendereza ibyiza. Namwe mbifurije kugira umutima utanga kandi ugira ibyo utunga.

Nyir'icyubahiro Musenyeri, Arikiyepiskopi wa Kigali,

Sinasoza ntongeyeye kubabwira ko Paruwasi ya Mt Visenti Pallotti ya Gikondo aho igeze ari heza kandi hashimishije. Turi ubushyo bwiza bubereye Umushumba wabwo. Uti: *"Nazanywe no kugira ngo intama zanjye zibone ubugingo, kandi bwinshi*", natwe tugize tuti: *"Karame Mwungeri".* Turahari kandi tuzahora tuba mu b'imbere babizihiye.

Nimugire amahoro.

Mbere yo gusoza, abakristu bifuje gushimira bamwe muri twe. Munyemere tubagezeho impano twabageneye.

Murakoze, ndabashimiye.